MINALOC

Amabwiriza ya Minisitiri

Ukwakira 1990

10 — 3 p

**AMABWIRIZA N°.......... YO KUWA ..................YA MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU AGENGA IBARURA RY'ABAZIZE ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA RYO KU ITARIKI YA 01/10/1990 – 31/12/1994.**

Minisiteri ifite mu nshingano zayo ubutegetsi bw'Igihugu, imaze kubona ko ari ngombwa ko hakorwa ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba, kugirango hamenyekane neza umubare w'abishwe, bityo bikaba byaragejejwe mu nama ya ba Minisitiri bikemezwa.

Kubera iyo mpamvu, irasanga hakwiriye gushyirwaho amabwiriza agenga iri barura kugirango rizakorwe neza.

Dushingiye kandi ku nshingano za Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu hatanzwe amabwiriza akurikira,agenga agenga ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba :

**Ingingo ya 1**.

Komite ku rwego rw'igihugu y'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba igizwe na : MINALOC, MININTER, MINECOFIN, MINAFASO, MIJESPOC, MIGEPROFE, ONAPO, U.N.R na MINADEF.

**Ingingo ya 2**.

Komite tekiniki y'ibarura igizwe n'intumwa ya : : MINALOC, MININTER, MINECOFIN, MINAFASO, MIJESPOC, MIGEPROFE, ONAPO, U.N.R na MINADEF.

**Ingingo ya 3**.

Komite yo ku rwego rwa perefegitura igizwe na :

- Perefe (Perezida w'ibarura)
- Superefe ushinzwe ubutegetsi n'amategeko
- Superefe ushinzwe imibereho myiza
- Superefe ushinzwe ubukungu na tekiniki
- Ushinzwe sitatistiki
- Urwego rushinzwe umutekano
- Abasirikare, Jandarumori na Polisi

**Ingingo ya 4**.

Komite yo ku rwego rwa komini igizwe na :

- Burugumesitiri (Perezida)
- Ushinzwe ibarura ry'abaturage muri Komini
- Abandi bakozi babiri ba Komini

**Ingingo ya 5**

Komite yo ku rwego rwa Segiteri ishinzwe ibarura igizwe na :

- Inama nyobozi , umuntu umwe ushinzwe ibarura muri buri Segiteri

**Ingingo ya 6**.

Komite yo ku rwego rwa Selire ishinzwe ibarura igizwe n'inama nyobozi.

**Ingingo ya 7**

Inshingano za komite y'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba kuri buri rwego.Buri wese washinzwe iki gikorwa afite inshingano yo kugikorana ubwitange n'umurava no gutanga inama kugirango iki gikorwa kigende neza.

**Ingingo ya 8**

Inshingano za Komite y'Igihugu ishinzwe ibarura,

Kubera ko ari urwego rukuru rw'ubuyobozi bw'ibarura n'urwego nyubahiriza tegeko rigenga ibarura, uru rwego nirwo rufite ububasha gusa bwo gutangaza ibyavuye mu ibarura.

- Kugenzura imikorere ya Komite tekiniki ishinzwe ibarura ;
- Gufatira ibyemezo umuntu wese wabangamira iri barura kubera ko aba anyuranije n'ubumwe bw'abanyarwanda ndetse n'amabwiriza agenga ibarura;

**Ingingo ya 9**.

Inshingano za komite tekiniki y'ibarura :

- Gutegura neza iki rikorwa cy'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba
- Gutegura ibibazo, gutanga udutabo tw'amabwiriza ku bazabarura,abazagenzura ku nzego zose ;
- Guhugura abagenzuzi ba za Perefegitura bose kuri buri Perefegitura.
- Gukangurira abanyarwanda igikorwa cy'ibarura ;
- Gukurikiranira hafi imigendekere y'ibarura ;
- Gukosora aho bitagenda neza no gufata ibyemezo mu gihe ari ngombwa ku bufatanye n'abayobozi b'uturere ;
- Guhuza ibikorwa rysange by'ibarura ;
- Gutanga raporo y'ibyavuye mu ibarura muri MINALOC.

**Ingingo ya 10**.

Inshingano za komite yo ku rwego rwa Perefegitura :

- Gukangurira abaturage iryo barura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba ;
- Gukurikiranira hafi imigendekere y'ibarura n'iyubahirizwa ry'amabwiriza ;
- Gutanga inama zijyanye n'imitunganyirize y'ibarura ;
- Gutanga amabwiriza no kwibutsa ushinzwe sitatistiki n'abakozi 4 ba Perefegitura bashinzwe ubugenzuzi mu makomini amategeko abagenga muri icyo gikorwa cy'ibarura ;
- Gukorana n'inzego zishinzwe umutekano ;
- Gufatira ibyemezo abarenze ku mabwiriza ;
- Gukorana ubwitange,
- Gutanga raporo y'imigendekere y'ibarura rya Perefegitura.

**Ingingo ya 11**

Inshingano za komite yo ku rwego rwa Komini :

- Gushyira mu bikorwa amabwiriza agenga ibarura ;
- Gukangurira abaturage icyo gikorwa ;
- Gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ibarura muri za segiteri ;
- Kugenzura ibyavuye mu ibarura ;

- Gufatanya na ba Konseye guhitamo muri buri Segiteri umukarani umwe w'ibarura ;
- Kwitabira icyo gikorwa byimazeyo ;
- Gutanga ibihano ku muntu wese wabangamira icyo gikorwa ;
- Gutanga raporo y'imigendekere y'ibarura kuri Perefe

**Ingingo ya 12.**

Inshingano za komite yo ku rwego rwa Segiteri :

- Gukangurira abaturage kwitabira icyo gikorwa ;
- Gukurikiranira hafi abakarani b'ibarura ;
- Kwerekana ubushake muri icyo gikorwa cy'ibarura;
- Gushyira mu bikorwa amabwiriza agenga ibarura ;
- Gukorana ubushishozi, ubwitange no kuvugisha ukuri ;
- Gutanga raporo y'imigendekere y'ibarura ku rwego rukuriye segiteri.

**Ingingo ya 13.**

Inshingano ya Komite yo ku rwrgo rwa Selire :

- Gukangurira abaturage iki gikorwa ;
- Kuvugisha ukuri no gukorera mu ituze n'umutekano ;
- Gukora raporo y'ibarura.

**Ingingo ya 14.**

Inshingano n'ibisabwa umukarani w'ibarura

Uzatorerwa ubukarani bw'ibarura muri segiteri (1) akwiye kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire ;
- Kuba asabana neza n'abaturage ;
- Kuba atuye muri Segiteri byibura umwaka umwe ;
- Kuba arangwa n'ubwitange, umwete n'ubushake ;
- Kugira urukundo rw'igihugu ;
- Kuba azwiho ubusabane n'abaturage ;
- Kuba amenyereye gukorana n'abaturage ;
- Kuba yarigeze kuba umukarani w'irindi barura iryo ari ryo ryose;
- Kuba akunda gukorana n'abandi ;
- Kuba yemejwe na Segiteri ko azakora icyo gikorwa neza.

**Ingingo ya 15.**

Inshingano z'abagenzuzi :

- Kuba ari umuntu urangwa n'ubwitonzi n'ubushishozi ;
- Kuba ari umuntu uzwiho imikorere myiza ;
- Gutanga inama zubaka ;
- Kuba ari inyangamugayo ;
- Kuba ari umuntu ugira umwete mu kazi .

**Ingingo ya 16.**

Aya mabwiriza avuye muri MINALOC , arasaba abayobozi b'uturere bose n'abanyarwanda bose gutunganya neza iki gikorwa kubera ko bizafasha mu kunga abanyarwanda .

Bikorewe i Kigali, ku wa ..............

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**NYANDWI J. Désiré.**